



Ukwakira 2022

ikinyarwanda

## Kuko udakonje kandi ntunashyuhwe

Hish 3,16

**Kontakt:** Meinolf Wacker  
Kirchplatz 7  
59174 Kamen

**Mobil.:** +49-172-5638432  
**Mail:** [meinolf.wacker@go4peace.eu](mailto:meinolf.wacker@go4peace.eu)  
**Homepage** [www.go4peace.eu](http://www.go4peace.eu)

---

### Fata icyemezo! Make a decision!

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Lawodiseya wari umugi ukunguhaye cyane mu gace ka Likosi, mu gihugu cya Turukiya y'ubu ngubu. Itsinda rito ry'abakristu ryari ryarahatangijwe ryari ryaratwawe n'ubwiyemezi, bituma Yohani intumwa aricyaha. Hafu y'umugi hari iriba rizwiho kuvura indwara. Amazi ashushye y'iri riba yatembaga yerekeza mu kibaya cya Lawodiseya. Aho rero yahageraga amaze kuba akazuyazi. Abantu bari batuye muri uwo mugu babonaga iteka iyo shusho imbere yabo. Amazi ashushye ni ingirakamaro nk'iriba rikiza indwara cyangwa se umuntu ayakoresheje nk'ikinyobwa gishushye. Amazi akonje yo uyanyoye amara inyota. Naho amazi y'akazuyazi yo nta kamaro na mba, ntaryoha ahubwo uyakojeje mu kanwa ahita ayacira. „Kuba akazuyazi“ bisobanuye gushaka gukonda no gushyuha icyarimwe, bisobanuye kumva nshaka kwakira ibije byose. Mba nshaka ibinyoheye gusa cyangwa ibinguye neza. Njyana na Yezu ariko sinshaka kugumana na we mu nzira zose nyuramo. Urukundo nyarwo rwitanga no kwiyibagirwa iwanjye ntibihakozwa. Sinshaka gufata icyemezo kugira ngo ntacikwa n'ibyiza kurushaho nkeka ko bishobora kuzaza nyuma. Ijambo ry'Imana ndarizi ariko ntiriyegze ringeze ku bucuti bwimbitse hamwe na Kristu. Yezu ntakiri inkingi negamira mu buzima bwanjye, mfite ibindi byinshi nishingikirizaho. Ndashaka gufata byose ndetse ngerageza kwisanisha n'impande zose, gusa nyine ibyo bituma nshyingura ubudahemuka bwanjye.

Ni gute umuntu aba akazuyazi? Ku ruhanda rimwe byaterwa n'uko ya mazi yavanywe ku muriro cyangwa se umuriro wo ubwawo uzimijwe, cyangwa nsutsemo andi mazi akonje. Kuba akazuyazi biza buhoro buhoro, urukundo nkunda Yezu rugenda rukonje gahoro gahoro. Ibindi bintu bigenda bitwara umwanya munini muri njye, bigafata iya mbere. Kenshi kuba akazuyazi bigendana no kumva wihagije, wishimishije, ndetse n'ubuhumyi. Umuntu w'akazuyazi aba kenshi afite ibitekerezo byiza kuri we. Ariko kwiyemeza kuba uwa Yezu, biba byaratakaye. Iyi ndorerwamo ni yo Mutagatifu Yohani ashuzize imbere y'ikoraniro rya Lawodiseya ndetse araribwira ati: „Jyeweho, abo nkunda ndabacyaha kandi nkabakosora. None rero, shishikara kandi wisubireho!“ (Hish. 3,19)

Tomáš aratutekerereza: „Mu ndiba y'umutima wanjye hagurumanagamo urukundo nari mfiteye Yezu. Kuva kera na kera nari nifitemo icyifuzo cyo kuba Padiri. Ariko nari narahisemo kwiga ibindi bintu. Numvaga niteguye gukurikira Yezu, wese ntacyo nsize inyuma. Gake gake natangiye kwiyumvamo ko ndi kuba akazuyazi. Nashakaga byose umuntu yabona mu buzima, ariko sinizeraga ko Yezu, we buzima yampa kunezerwa. Mbega ukuntu byabaye byiza muri iyo minsi, guhura n'abantu bagurumanamo urukundo bafiteye Yezu. Uko kwiyemeza no kugurumanira Yezu byongeye gucana muri agashashi k'urukundo rwa Yezu. None ndanezerewe cyane kuko nafashe icyemezo cyo gukurikira umuhamagaro wa Yezu. Mbega ukuntu ari byiza kuba ntarahisemo gukomeza gusambira byose!“ – **Fata icyemezo! Make a decision!**